

ITEGEKO N° 007/2019 RYO KU WA 13/04/2019 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE IBY'INDEGE ZA GISIVIRI	LAW N°007/2019 OF 13/04/2019 ESTABLISHING RWANDA CIVIL AVIATION AUTHORITY	LOI N°007/2019 DU 13/04/2019 PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Law	<u>Article premier:</u> Objet de la présente loi
<u>Ingingo ya 2:</u> Ubuzimagatozi n'ubwisanzure bya RCAA	<u>Article 2:</u> Legal personality and autonomy of RCAA	<u>Article 2:</u> Personnalité juridique et autonomie du RCAA
<u>Ingingo ya 3:</u> Ubwigenge bwa RCAA	<u>Article 3:</u> Independence of RCAA	<u>Article 3:</u> Indépendance du RCAA
<u>Ingingo ya 4:</u> Icyicaro cya RCAA	<u>Article 4:</u> Head office of RCAA	<u>Article 4:</u> Siège du RCAA
<u>UMUTWE WA II:</u> INTEGO N'INSHINGANO ZA RCAA	<u>CHAPTER II:</u> MISSION AND RESPONSIBILITIES OF RCAA	<u>CHAPITRE II:</u> MISSION ET ATTRIBUTIONS DU RCAA
<u>Ingingo ya 5:</u> Intego ya RCAA	<u>Article 5:</u> Mission of RCAA	<u>Article 5:</u> Mission du RCAA
<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano za RCAA	<u>Article 6:</u> Responsibilities of RCAA	<u>Article 6:</u> Attributions du RCAA
<u>UMUTWE WA III:</u> URWEGO RUREBERERA RCAA N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO	<u>CHAPTER III:</u> SUPERVISING AUTHORITY OF RCAA AND PERFORMANCE CONTRACT	<u>CHAPITRE III:</u> AUTORITE DE TUTELLE DU RCAA ET CONTRAT DE PERFORMANCE
<u>Ingingo ya 7:</u> Urwego rureberera RCAA	<u>Article 7:</u> Supervising authority of RCAA	<u>Article 7:</u> Autorité de tutelle du RCAA
<u>Ingingo ya 8:</u> Amasezerano y'imihigo	<u>Article 8:</u> Performance contract	<u>Article 8:</u> Contrat de performance
<u>UMUTWE WA IV:</u> IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RCAA	<u>CHAPTER IV:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RCAA	<u>CHAPITRE IV:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU RCAA

<u>Ingingo ya 9:</u> Inzego z'Ubuyobozi za RCAA	<u>Article 9:</u> Management organs of RCAA	<u>Article 9:</u> Organes de Direction du RCAA
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi	<u>Section One:</u> Board of Directors	<u>Section première:</u> Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 10:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA	<u>Article 10:</u> Composition of the Board of Directors of RCAA	<u>Article 10:</u> Composition du Conseil d'Administration du RCAA
<u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Responsibilities of the Board of Directors	<u>Article 11:</u> Attributions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 12:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 12:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 13:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors	<u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 14:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors	<u>Article 14:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 15:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa	<u>Article 15:</u> Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement	<u>Article 15:</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement
<u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo	<u>Article 16:</u> Convening and holding of meetings of the Board of Directors and decision-making	<u>Article 16:</u> Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et prise de décisions
<u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama	<u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to the Board of Directors' meetings	<u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<u>Article 18:</u> Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 18:</u> Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 19:</u> Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 19:</u> Rapporteur of the meeting of the Board of Directors	<u>Article 19:</u> Rapporteur du Conseil d'Administration

<u>Ingingo ya 20:</u> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<u>Article 20:</u> Personal interest in issues under consideration	<u>Article 20:</u> Intérêt personnel dans les points à l'examen
<u>Ingingo ya 21:</u> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	<u>Article 21:</u> Sitting allowances for members of the Board of Directors	<u>Article 21:</u> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration
<u>Icyiciro cya 2:</u> Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA	<u>Section 2:</u> Executive Organ of RCAA	<u>Section 2:</u> Organe Exécutif du RCAA
<u>Ingingo ya 22:</u> Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA	<u>Article 22:</u> Composition of the Executive Organ of RCAA	<u>Article 22:</u> Composition de l'Organe Exécutif du RCAA
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<u>Article 23:</u> Responsibilities of the Executive Organ	<u>Article 23:</u> Attributions de l'Organe Exécutif
<u>Ingingo ya 24:</u> Ibitabangikanywa no kuba Umuyobozi Mukuru cyangwa Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RCAA	<u>Article 24:</u> Incompatibilities with the position of the Director General or the Deputy Director General of RCAA	<u>Article 24:</u> Incompatibilités avec la fonction de Directeur Général ou de Directeur Général Adjoint du RCAA
<u>Ingingo ya 25:</u> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RCAA	<u>Article 25:</u> Powers and responsibilities of the Director General of RCAA	<u>Article 25:</u> Pouvoirs et attributions du Directeur Général du RCAA
<u>Ingingo ya 26:</u> Sitati igenga Abakozi ba RCAA	<u>Article 26:</u> Statute governing staff members of RCAA	<u>Article 26:</u> Statut régissant les membres du personnel du RCAA
<u>Ingingo ya 27:</u> Imbonerahamwe n'imiterere y'imyanya y'imirimu	<u>Article 27:</u> Organisational structure and organization chart	<u>Article 27:</u> Cadre organique et organigramme
<u>Ingingo ya 28:</u> Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije ba RCAA	<u>Article 28:</u> Fringe benefits for the Director General and Deputy Director General of RCAA	<u>Article 28:</u> Appointements accordés au Directeur Général et au Directeur Général Adjoint du RCAA
<u>Ingingo ya 29:</u> Imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba RCAA	<u>Article 29:</u> Salaries and fringe benefits for other staff members of RCAA	<u>Article 29:</u> Salaires et autres avantages accordés aux autres membres du personnel du RCAA

<u>Ingingo ya 30:</u> Imikorere n'imikoranire y'inzego za RCAA	<u>Article 30:</u> Functioning and relationships between the organs of RCAA	<u>Article 30:</u> Fonctionnement et relations des organes du RCAA
<u>UMUTWE WA V:</u> UMUTUNGO N'IMARI	<u>CHAPTER V:</u> PROPERTY AND FINANCE	<u>CHAPITRE V:</u> PATRIMOINE ET FINANCES
<u>Ingingo ya 31:</u> Umutungo wa RCAA n'inkomoko yawo	<u>Article 31:</u> Property of RCAA and its source	<u>Article 31:</u> Patrimoine du RCAA et sa source
<u>Ingingo ya 32:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 32:</u> Use, management and audit of property	<u>Article 32:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 33:</u> Iyemeza n'imicungire by'ingingo y'imari	<u>Article 33:</u> Approval and management of the budget of RCAA	<u>Article 33:</u> Adoption et gestion du budget du RCAA
<u>Ingingo ya 34:</u> Raporo y'umwaka y'ibaruramari	<u>Article 34:</u> Annual financial statements	<u>Article 34:</u> Rapport annuel des états financiers
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI:</u> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 35:</u> Ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa	<u>Article 35:</u> Acts performed before publication of this Law	<u>Article 35:</u> Actes posés avant la publication de la présente loi
<u>Ingingo ya 36:</u> Igihe cy'inzibacyuho	<u>Article 36:</u> Transitional period	<u>Article 36:</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 37:</u> Kwegurirwa Abakozi	<u>Article 37:</u> Transfer of staff members	<u>Article 37:</u> Transfert du personnel
<u>Ingingo ya 38:</u> Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda	<u>Article 38:</u> Transfer of property, contracts and liabilities	<u>Article 38:</u> Transfert du patrimoine, des contrats et du passif
<u>Ingingo ya 39:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 39:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 39:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Article 40: Repealing provision

Article 40: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 41: Commencement

Article 41: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N° 007/2019 RYO KU WA
13/04/2019 RISHYIRAHU URWEGO
RW'IGIHUGU RUSHINZWE
IBY'INDEGE ZA GISIVIRI**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBLIKA Y'U RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku
wa 28 Gashyantare 2019;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika
y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu
2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya
69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya
112, iya 119 iya 120, iya 139, iya 165, iya 168
n'iya 176;

Ishingiye ku masezerano mpuzamahanga,
yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 7
Ukuboza 1944 arebana n'iby'indege za
gisiviri, nk'uko yemejwe n'Itegeko ryo ku wa
30 Mata 1947, yavuguruwe n'amasezerano
mpuzamahanga yashyiriweho umukono i
Montreal ku wa 16 Ukwakira 1974 nk'uko

**LAW N° 007/2019 OF 13/04/2019
ESTABLISHING RWANDA CIVIL
AVIATION AUTHORITY**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED
AND WE SANCTION, PROMULGATE
THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT
BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 28
February 2019;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119,
120, 139, 165, 168 and 176;

Pursuant to the Convention on International
Civil Aviation signed in Chicago on 7
December 1944, ratified by Law of 30 April
1947 and amended by the Protocol signed in
Montreal on 16 October 1974 ratified by the
Decree-Law of 7 April 1976;

**LOI N°007/2019 DU 13/04/2019
PORTANT CRÉATION DE L'OFFICE
RWANDAIS DE L'AVIATION CIVILE**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 28
février 2019;

Vu la Constitution de la République du
Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement
en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112,
119, 120, 139, 165, 168 et 176;

Vu la Convention relative à l'aviation civile
internationale signée à Chicago le 7 décembre
1944, ratifiée par la Loi du 30 avril 1947 et
amendée par le Protocole signé à Montréal le
16 octobre 1974 ratifié par le décret-loi du 7
avril 1976;

yemejwe n'Itegeko-teka ryo ku wa 7 Mata 1976;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga ya Tokyo yo ku wa 14/09/1963 yerekeye ibyaha n'ibindi bikorwa bikorewe mu ndege yemejwe burundu n'Itegeko ryo ku wa 23 Yanyari 1971 rishyiraho amabwiriza mu by'indege;

Isubiye ku Itegeko n° 03/2017 ryo ku wa 21/02/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

YEMEJE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'indege za gisiviri rwitwa "RCAA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza, rukanagena intego, inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo.

**Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi
n'ubwisanzure bya RCAA**

RCAA ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo.

Pursuant to the Tokyo Convention of 14/09/1963 on Offences and Certain Other Acts Committed on Board Aircraft ratified by Law of 23 January 1971 establishing regulations governing civil Aviation;

Having reviewed Law n° 03/2017 of 21/02/2017 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning;

ADOPTS:

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes Rwanda Civil Aviation Authority, abbreviated as "RCAA" and determines its mission, responsibilities, organisation and functioning.

**Article 2: Legal personality and autonomy
of RCAA**

RCAA has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy.

Vu la Convention de Tokyo du 14/09/1963 relative aux infractions et à certains autres actes survenant à bord des aéronefs, ratifiée par la Loi du 23 janvier 1971 relative à la réglementation de l'aviation civile;

Revu la Loi n° 03/2017 du 21/02/2017 portant création de l'Office Rwandais de l'aviation civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement;

ADOpte:

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GÉNÉRALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office Rwandais de l'aviation civile, « RCAA » en sigle anglais et détermine sa mission, ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

**Article 2: Personnalité juridique et
autonomie du RCAA**

Le RCAA est doté d'une personnalité juridique et jouit d'une autonomie administrative et financière.

Ingingo ya 3: Ubwigenge bwa RCAA

RCAA ni urwego rwihariye, irigenga mu kurangiza inshingano zayo, ntihabwa amabwiriza n'urundi rwego.

Ingingo ya 4: icyicaro cya RCAA

Icyicaro cya RCAA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi.

RCAA ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa, byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi.

UMUTWE WA II: INTEGO N'INSHINGANO ZA RCAA

Ingingo ya 5: Intego ya RCAA

Intego ya RCAA ni uguteza imbere, gushyira mu bikorwa no gusigasira mu buryo bwizewe, butekanye kandi bunoze ibijyanye n'iby'indege za gisiviri mu Rwanda.

Ingingo ya 6: Inshingano za RCAA

RCAA ifite inshingano zikurikira:

1° guteza imbere ibijyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere no kugenzura imikorere y'abantu n'amasosiyete byemerewe

Article 3: Independence of RCAA

RCAA is a specialized organ, independent in the performance of its responsibilities and does not receive instructions from any other institution.

Article 4: Head office of RCAA

The head office of RCAA is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. If considered necessary, it can be transferred elsewhere on the Rwandan territory, upon approval by the Board of Directors.

RCAA can, if considered necessary and upon approval by the Board of Directors, have branches elsewhere in the country.

CHAPTER II: MISSION AND RESPONSIBILITIES OF RCAA

Article 5: Mission of RCAA

The mission of RCAA is to develop, implement and maintain a safe, secure and efficient civil aviation industry in Rwanda.

Article 6: Responsibilities of RCAA

RCAA has the following responsibilities:

1° to promote the development of air transport of people and goods and supervise the operations of persons and

Article 3: Indépendance du RCAA

Le RCAA est un organe spécialisé, indépendant dans l'exercice de ses attributions et ne reçoit d'instructions d'aucune autre institution.

Article 4: Siège du RCAA

Le siège du RCAA est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. En cas de besoin, il peut être transféré en tout autre lieu sur le territoire du Rwanda, sur approbation du Conseil d'Administration.

Le RCAA peut, en cas de besoin et sur approbation du Conseil d'Administration, se doter des branches en tout autre lieu du pays.

CHAPITRE II: MISSION ET ATTRIBUTIONS DU RCAA

Article 5: Mission du RCAA

Le RCAA a pour mission de développer, de mettre en œuvre et de maintenir un secteur de l'aviation civile sûr, sécurisé et efficace au Rwanda.

Article 6: Attributions du RCAA

Le RCAA a les attributions suivantes:

1° promouvoir le transport aérien des personnes et des biens et superviser le fonctionnement des personnes et sociétés

gukora ibijyanye n'indege za gisiviri;	companies authorized to operate in the area of civil aviation;	autorisées à opérer dans le secteur de l'aviation civile;
2° kugenzura ko ibijyanye n'iby'indege za gisiviri byubahiriza amasezerano mpuzamahanga, amategeko n'amabwiriza;	2° to monitor the compliance of the civil aviation industry with international legal instruments, laws and regulations;	2° surveiller la conformité du secteur de l'aviation civile avec les instruments légaux internationaux, les lois et règlements;
3° gutanga ibyemezo, uburenganzira n'impushya bikenerwa mu bijyanye n'iby'indege za gisiviri hakurikijwe amategeko n'amabwiriza azigenga;	3° to issue permits, authorizations and licenses required in civil aviation in accordance with relevant governing laws and regulations;	3° octroyer des permis, autorisations et licences nécessaires dans l'aviation civile, conformément aux lois et règlements en la matière;
4° kugira inama Guverinoma mu mikoranire yayo n'Umuryango Mpuzamahanga w'Indege za Gisiviri;	4° to advise the Government on its relationship with the International Civil Aviation Organization;	4° conseiller le Gouvernement sur ses relations avec l'Organisation de l'aviation civile internationale;
5° kugira inama Guverinoma ku birebana no gutwara abantu n'ibintu mu kirere;	5° to advise the Government on air transport of people and goods;	5° conseiller le Gouvernement sur le transport aérien des personnes et des biens;
6° kugira inama Guverinoma ku bikorwa byose byihutisha iterambere ry'ibikorwaremezo bijyanye n'iby'indege za gisiviri mu Rwanda;	6° to advise the Government on all activities that accelerate the development of infrastructure of civil aviation industry in Rwanda;	6° conseiller le Gouvernement sur toutes les activités accélérant le développement des infrastructures du secteur de l'aviation civile au Rwanda;
7° guhagararira u Rwanda nk'urwego rw'Igihugu ku rwego mpuzamahanga mu bijyanye n'indege za gisiviri;	7° to represent Rwanda at the international level in respect of matters relating to civil aviation in its capacity as the national authority;	7° représenter, en tant qu'office national, le Rwanda sur le plan international en ce qui concerne l'aviation civile;
8° gukorana n'izindi nzego mu kubungabunga ibijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisiviri;	8° to collaborate with other organs to ensure the safety of civil aviation;	8° collaborer avec d'autres organes pour assurer la sécurité de l'aviation civile;
9° kwegeranya, gusesengura no gukoresha ibarurishamibare ryo ku bibuga by'indege n'iry'abandi batanga serivisi mu by'indege	9° to gather, analyse and use statistical data of airports and other civil aviation service providers;	9° rassembler, analyser et utiliser les données statistiques des aéroports et autres prestataires de services de l'aviation civile;

za gisiviri;

10° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshingano.

10° to establish relations and collaborate with other regional and international bodies with similar mission.

10° entretenir des relations et collaborer avec d'autres entités régionales et internationales ayant une mission similaire.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RCAA N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RCAA AND PERFORMANCE CONTRACT

CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DU RCAA ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Ingingo ya 7: Urwego rureberera RCAA

RCAA irebererwa na Minisiteri ifite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano zayo.

Article 7: Supervising authority of RCAA

RCAA is supervised by the Ministry in charge of transportation of people and goods.

Article 7: Autorité de tutelle du RCAA

Le RCAA est placé sous tutelle du Ministère ayant le transport des personnes et des biens dans ses attributions.

Ingingo ya 8: Amasezerano y'imihigo

RCAA ikorera ku masezerano y'imihigo.

Umuyobozi Mukuru wa RCAA agirana amasezerano y'imihigo ya buri mwaka n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA agaragaza ku buryo burambuye umusaruro uteganywa kugerwaho ndetse n'ingamba zo kuwugeraho.

Article 8: Performance contract

RCAA operates on the basis of a performance contract.

The Director General of RCAA concludes with the Board of Directors of RCAA an annual performance contract detailing expected results and strategies to achieve them.

Article 8: Contrat de performance

Le RCAA fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Le Directeur Général du RCAA conclut avec le Conseil d'Administration du RCAA un contrat annuel de performance précisant de façon détaillée les résultats escomptés ainsi que les stratégies de leur réalisation.

Uburyo RCAA ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of RCAA are determined by relevant laws.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance du RCAA sont déterminées par les lois en la matière.

**UMUTWE WA IV: IMITUNGANYIRIZE
N'IMIKORERE BYA RCAA**

Ingingo ya 9: Inzego z'Ubuyobozi za RCAA

RCAA igizwe n'inzego z'Ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Urwego Nshingwabikorwa.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 10: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA

Inama y'Ubuyobozi ya RCAA igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibagomba kubarizwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye mu bikorwa birebana n'indege za gisiviri cyangwa gukora mu nzego zigengwa n'amategeko agenga indege za gisiviri.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND
FUNCTIONING OF RCAA**

Article 9: Management organs of RCAA

RCAA is composed of the following two (2) management organs:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the Executive Organ.

Section One: Board of Directors

Article 10: Composition of the Board of Directors of RCAA

The Board of Directors of RCAA is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including its Chairperson and Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

Members of the Board of Directors must avoid engaging, directly or indirectly, in activities related to civil aviation or working in entities regulated by laws governing civil aviation.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors must be females.

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET
FONCTIONNEMENT DU RCAA**

Article 9: Organes de Direction du RCAA

Le RCAA est doté de deux (2) organes de Direction suivants:

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° l'Organe Exécutif.

Section première: Conseil d'Administration

Article 10: Composition du Conseil d'Administration du RCAA

Le Conseil d'Administration du RCAA est composé de sept (7) membres nommés par un Arrêté Présidentiel, dont son Président et son Vice-Président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Les membres du Conseil d'Administration ne doivent pas être impliqués directement ou indirectement dans les activités liées à l'aviation civile ou travailler dans des entités régies par les lois régissant l'aviation civile.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.

A Presidential Order determines the term of office of members of the Board of Directors as well as their replacement.

Un Arrêté Présidentiel détermine la durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que leur remplacement.

Ingingo va 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Article 11: Responsibilities of the Board of Directors

Article 11: Attributions du Conseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ifite inshingano zikurikira:

The Board of Directors of RCAA has the following responsibilities:

Le Conseil d'Administration du RCAA a les attributions suivantes:

1° gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n'Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuza inshingano zarwo;

1° to oversee the functioning of the Executive Organ of RCAA and provide strategic guidance to the Executive Organ in the fulfilment of its responsibilities;

1° superviser le fonctionnement de l'Organe exécutif du RCAA et donner une orientation stratégique à l'Organe Exécutif dans l'accomplissement de ses attributions;

2° kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa rya RCAA hamwe naraporo zijyana na byo;

2° to approve long-term strategic plan and action plan of RCAA and related reports;

2° approuver le plan stratégique à long terme et le plan d'action du RCAA et les rapports y relatifs;

3° gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera RCAA;

3° to conclude a performance contract with the supervising authority of RCAA;

3° conclure un contrat de performance avec l'organe de tutelle du RCAA;

4° kwemeza amategeko ngengamikorere ya RCAA uretse imirongo ngenderwaho mu bya tekini, ibikoresho n'ibijyanye n'ubuziranenge byemezwa n'Urwego Nshingwabikorwa;

4° to approve the rules of procedure of RCAA, with the exception of technical guidance, equipment and standards which are approved by the Executive Organ;

4° approuver le règlement d'ordre intérieur du RCAA, excepté les directives techniques, l'équipement et les normes qui sont approuvés par l'Organe Exécutif;

5° kwemeza imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba RCAA;

5° to approve the structure of salaries and fringe benefits for other staff members of RCAA;

5° approuver la grille de salaires et autres avantages d'autres membres du personnel du RCAA;

6° kwemeza ingengo y'imari ya RCAA ya buri mwaka;

6° to approve the annual budget of RCAA;

6° approuver le budget annuel du RCAA;

- | | | |
|--|--|--|
| 7° gutanga inama ku byemezo byose birebana n'ibibazo bikomeye biri mu nshingano za RCAA; | 7° to provide advice on all decisions on critical matters under the responsibilities of RCAA; | 7° donner des conseils sur toutes les décisions concernant les sujets critiques relevant des attributions du RCAA; |
| 8° kwemeza imiterere y'inzeho z'imirimo za RCAA; | 8° to approve the organizational structure of RCAA; | 8° approuver le cadre organique du RCAA; |
| 9° kwemeza sitati igenga abakozi ba RCAA; | 9° to approve the statute governing the staff of RCAA; | 9° approuver le statut régissant le personnel du RCAA; |
| 10° gusuzuma imikorere ya RCAA hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari; | 10° to evaluate the performance of RCAA on the basis of action plan and budget; | 10° évaluer les performances du RCAA sur base du plan d'action et du budget; |
| 11° gukemura amakimbirane arebana n'akazi mu bakozi ba RCAA; | 11° to resolve work-related conflicts involving staff members of RCAA; | 11° régler les conflits liés au travail impliquant le personnel du RCAA; |
| 12° kwemeza raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka na raporo y'imikoreshereze y'imari bigomba gushyikirizwa urwego rubifitiye ububasha. | 12° to approve the quarterly and annual activity report and financial statements to be submitted to the competent authority. | 12° approuver le rapport trimestriel et annuel d'activités et le rapport des états financiers à soumettre à l'autorité compétente. |

Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Article 12: Responsibilities of the chairperson of the Board of Directors

Article 12: Attributions du Président du Conseil d'Administration

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

- | | | |
|---|--|---|
| 1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo; | 1° to head the Board of Directors and coordinate its activities; | 1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités; |
| 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi; | 2° to convene and preside over the meetings of the Board of Directors; | 2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration; |
| 3° gushyikiriza inyandikomvugo n'inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA urwego ruyireberera; | 3° to submit minutes and statement of resolutions of the meeting of the Board of Directors of RCAA to its supervising authority; | 3° soumettre le procès-verbal et le document des résolutions de la réunion du Conseil d'Administration du RCAA à son organe de tutelle; |
| 4° gushyira umukono ku masezerano | 4° to sign the performance contract | 4° signer le contrat de performance entre |

<p>y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera RCAA;</p>	<p>between the Board of Directors and the supervising authority of RCAA;</p>	<p>le Conseil d'Administration et l'organe de tutelle du RCAA;</p>
<p>5° gushyikiriza raporo za RCAA zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;</p>	<p>5° to submit RCAA reports adopted by the Board of Directors to relevant organs;</p>	<p>5° soumettre aux organes compétents les rapports du RCAA adoptés par le Conseil d'Administration;</p>
<p>6° gukurikirana ishikirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;</p>	<p>6° to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors;</p>	<p>6° faire le suivi de la mise en application des résolutions du Conseil d'Administration;</p>
<p>7° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano za RCAA.</p>	<p>7° to perform such other duties under the responsibilities of RCAA as may be assigned by the Board of Directors.</p>	<p>7° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier.</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi</p>	<p><u>Article 13:</u> Responsibilities of the deputy chairperson of the Board of Directors</p>	<p><u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration</p>
<p>Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi wa RCAA afite inshingano zikurikira:</p>	<p>The deputy chairperson of the Board of Directors of RCAA has the following responsibilities:</p>	<p>Le Vice-Président du Conseil d'Administration du RCAA a les attributions suivantes:</p>
<p>1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;</p>	<p>1° to assist the chairperson and deputize for him or her in his or her absence;</p>	<p>1° assister le Président et le remplacer en cas d'absence;</p>
<p>2° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano za RCAA.</p>	<p>2° to perform such other duties under the responsibilities of RCAA as may be assigned by the Board of Directors.</p>	<p>2° accomplir toute autre tâche relevant des attributions du RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier.</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi</p>	<p><u>Article 14:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors</p>	<p><u>Article 14:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration</p>
<p>Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RCAA.</p>	<p>Members of the Board of Directors are not allowed to perform any remunerated activity within RCAA.</p>	<p>Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une fonction rémunérée au sein du RCAA.</p>

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gupiganira amasoko atangwa na RCAA n'ay'imirimo iterwa inkunga na RCAA, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane.

Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi *ava* muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA *ava* muri uwo mwanya iyo:

- 1° manda ye irangiye;
- 2° yeguye akoresheje inyandiko;
- 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera uburwayi cyangwa ubumuga bwemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;
- 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);
- 5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;

Members of the Board of Directors are not allowed, whether individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of RCAA and of the works funded by RCAA.

Article 15: Reasons for loss of membership of the Board of Directors and modalities for replacement

A member of the Board of Directors loses membership if:

- 1° the term of office expires;
- 2° he or she resigns in writing;
- 3° he or she is no longer able to perform his or her duties due to sickness or disability certified by a committee of three (3) state-recognised physicians;
- 4° he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;
- 5° he or she fails to attend three (3) consecutive meetings without valid reasons;
- 6° he or she demonstrates any behaviour likely to compromise his or her dignity or dishonour his/her office or institution;

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés, soit individuellement ou par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés du RCAA et à ceux des travaux financés par le RCAA.

Article 15: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

- 1° son mandat expire;
- 2° il démissionne par écrit;
- 3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause de maladie ou d'incapacité confirmée par une commission de trois (3) médecins agréés;
- 4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
- 5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;
- 6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité ou de déshonorer sa fonction ou son institution;

7° abangamira inyungu za RCAA;	7° he or she jeopardizes the interests of RCAA;	7° il compromet les intérêts du RCAA;
8° ahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	8° he or she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;	8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie de génocide;
9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashirwa muri uwo mwanya;	9° he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment to the Board of Directors;	9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé au Conseil d'Administration;
10° apfuye.	10° he or she dies.	10° il décède.
Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya RCAA avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye.	In case a member of the Board of Directors leaves office before the expiry of his or her term of office, the competent authority appoints his or her replacement. The appointee holds office for the remainder of his or her predecessor's term of office.	Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'organe compétent nomme son remplaçant. La personne nommée termine le mandat de son prédécesseur.
<u>Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo</u>	<u>Article 16: Convening and holding of meetings of the Board of Directors and decision-making</u>	<u>Article 16: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et prise de décisions</u>
Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo, cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.	The meeting of the Board of Directors of RCAA is held once every quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson, or in his or her absence, by its Deputy Chairperson, at their own initiative or at the request in writing by at least a third (1/3) of its members.	La réunion du Conseil d'Administration du RCAA se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, de son Vice-Président, en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.
Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.	The notice of the meeting is in writing and sent to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the date of the meeting.	L'invitation est adressée aux membres du Conseil d'Administration par écrit au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.
Inama idasanze itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira	The extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before	La réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la

ngo iterane.

Mu byigwa n'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa urwego rureberera RCAA.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Umuyobozi Mukuru yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.

Uburyo Inama y'Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RCAA.

Ingingo ya 17: Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama

Inama y'Ubuyobozi ya RCAA ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.

Uwatumwe ntiyemerewe gutora cyangwa

the meeting.

Items to be considered at the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports for the previous year.

Every quarter, the Board of Directors also considers the previous quarter's financial and activity reports to be transmitted to the supervising authority of RCAA.

The quorum for the meeting of the Board of Directors is two-thirds (2/3) of its members. However, if the meeting is convened for the second time, it takes place regardless of the number of members present.

The Director General attends the meetings of the Board of Directors.

The rules of procedure of RCAA determine the procedures for decision-making of the Board of Directors.

Article 17: Invitation of a resource person to the Board of Directors' meetings

The Board of Directors of RCAA may invite to its meeting any person from whom it may seek an advice on any item on the agenda.

The invited person is not allowed to vote or

tenue de la réunion.

Parmi les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et de celui d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration examine également le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'organe de tutelle du RCAA.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre de membres présents.

Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d'Administration.

Le règlement d'ordre intérieur du RCAA détermine les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration.

Article 17: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration

Le Conseil d'administration du RCAA peut inviter à ses réunions toute personne qu'il juge capable de l'éclairer sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour.

La personne invitée n'est pas autorisée à voter

gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikoherezwa urwego rureberera RCAA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Umuyobozi w'Urwego rureberera RCAA atanga ibitekerezo ku myanzuro y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivuzeho, imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa Urwego rureberera RCAA mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi

Umuyobozi Mukuru wa RCAA ni we mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo ntatora.

follow debates on other items on the agenda.

Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors

Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members present immediately after the meeting, and a copy thereof is sent to the supervising authority of RCAA within five (5) working days.

The head of the supervising authority of RCAA gives his or her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) working days of receipt thereof. If this period expires without him or her giving his or her views, such resolutions are deemed to have been definitively approved.

The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed jointly by its chairperson and rapporteur and approved at the next meeting. A copy of the minutes of the meeting is sent to the supervising authority of RCAA within fifteen (15) days of approval thereof.

Article 19: Rapporteur of the meeting of the Board of Directors

The Director General of RCAA serves as the rapporteur of the Board of Directors but has no voting right during decision-making.

ou à suivre les débats sur d'autres points inscrits à l'ordre du jour.

Article 18: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration

Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et leur copie est transmise à l'organe de tutelle du RCAA dans un délai de cinq (5) jours ouvrables.

Le responsable de l'organe de tutelle du RCAA donne son point de vue sur les résolutions du Conseil d'Administration dans les quinze (15) jours ouvrables suivant leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitivement approuvées.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par son Président et son rapporteur et approuvé au cours de la réunion suivante. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle du RCAA dans les quinze (15) jours suivant son approbation.

Article 19: Rapporteur du Conseil d'Administration

Le Directeur Général du RCAA est le rapporteur du Conseil d'Administration mais n'a pas de voix délibérative.

Umuyobozi Mukuru wa RCAA ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.

The Director General of RCAA does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him or her.

Le Directeur Général du RCAA ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent.

Icyo gihe abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.

In that case, members of the Board of Directors elect a rapporteur from among themselves.

Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent en leur sein un rapporteur.

Ingingo va 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Article 20: Personal interest in issues under consideration

Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'examen

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

If a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in issues under consideration, he or she must immediately inform the Board of Directors about where his or her interest lies. A person who declares an interest in the issue under consideration may not attend the meeting deliberating on that issue.

Quand un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examen, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration de ce en quoi consistent ses intérêts. Le membre qui informe de son intérêt dans un point sous l'examen ne participe pas à la réunion qui examine ce sujet.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera RCAA rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

If it appears that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues under consideration in such a way that it is impossible to decide on those issues, such issues are submitted to the supervising authority of RCAA which decides thereon within thirty (30) days.

Lorsqu'il apparaît que la majorité ou l'ensemble des membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à l'examen de sorte que la prise de décisions sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'organe de tutelle du RCAA pour décision dans un délai de trente (30) jours.

Ingingo va 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Article 21: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Article 21: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'administration

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'iteka rya Perezida.

A Presidential Order determines sitting allowances for members of the Board of Directors.

Un Arrêté Présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA

Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA

Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA rugizwe n'Umuyobozi Mukuru, ushyirwaho n'iteka rya Perezida n'abandi bakozi bashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi

Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Umuyobozi Mukuru wungirije, rikanagena ububasha n'inshingano bye.

Ingingo ya 23: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa

Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA ni izi zikurikira:

- 1° gukora imirimo n'ibikorwa bya buri muni bya RCAA hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga;
- 2° gutegura umushinga wa sitati igenga abakozi ba RCAA;
- 3° gutegura umushinga w'imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba RCAA;
- 4° gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire n'iteganyabikorwa bya RCAA bigomba kwemezwa n'inama y'Ubuyobozi;

Section 2: Executive Organ of RCAA

Article 22: Composition of the Executive Organ of RCAA

The Executive Organ of RCAA is comprised of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members appointed by the Board of Directors.

A Presidential Order may also appoint a Deputy Director General and determine his or her powers and duties.

Article 23: Responsibilities of the Executive Organ

Responsibilities of the Executive Organ of RCAA are:

- 1° to carry out daily duties and activities of RCAA in accordance with relevant laws and regulations;
- 2° to prepare draft Statute governing staff members of RCAA;
- 3° to develop the draft structure of salaries and fringe benefits for other staff members of RCAA;
- 4° to develop the draft long-term strategic plan and action plan of RCAA to be approved by the Board of Directors;

Section 2: Organe Exécutif du RCAA

Article 22: Composition de l'Organe Exécutif du RCAA

L'Organe Exécutif du RCAA est composé du Directeur Général nommé par Arrêté Présidentiel et d'autres membres du personnel nommés par le Conseil d'Administration.

Un Arrêté Présidentiel peut également nommer un Directeur Général Adjoint et déterminer ses pouvoirs et attributions.

Article 23: Attributions de l'Organe Exécutif

Les attributions de l'Organe Exécutif du RCAA sont les suivantes:

- 1° exécuter les tâches et les activités quotidiennes du RCAA conformément aux lois et règlements en la matière;
- 2° préparer le projet de statut régissant le personnel du RCAA;
- 3° élaborer le projet de grille de salaires et d'autres avantages du personnel du RCAA;
- 4° élaborer le projet de plan stratégique à long terme et le plan d'action du RCAA devant être approuvés par le Conseil d'Administration;

- | | | |
|---|---|---|
| 5° gutegura umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka ya RCAA igomba kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi; | 5° to prepare the draft annual budget of RCAA to be approved by the Board of Directors; | 5° préparer le projet du budget annuel du RCAA devant être approuvé par le Conseil d'Administration; |
| 6° gutegura umushinga w'imiterere y'inzeho z'imirimo za RCAA ugomba kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi; | 6° to prepare the draft organizational structure of RCAA to be approved by the Board of Directors; | 6° préparer le projet de cadre organique du RCAA devant être approuvé par le Conseil d'Administration; |
| 7° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 7° to implement decisions of the Board of Directors of RCAA; | 7° mettre en œuvre les décisions du Conseil d'Administration du RCAA; |
| 8° gucunga neza abakozi n'umutungo bya RCAA; | 8° to ensure the efficient management of human resources and property of RCAA; | 8° s'assurer de la bonne gestion des ressources humaines et du patrimoine du RCAA; |
| 9° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe na raporo y'umwaka ku Nama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 9° to submit a quarterly activity report and annual report to the Board of Directors of RCAA; | 9° soumettre un rapport d'activités trimestriel et un rapport annuel au Conseil d'Administration du RCAA; |
| 10° gushaka no gushyira mu myanya abakozi ba RCAA hakurikijwe amategeko ngengamikorere ya RCAA; | 10° to recruit and approve the appointment of staff of RCAA in accordance with the rules of procedure of RCAA; | 10° recruter et approuver la nomination du personnel du RCAA conformément au règlement d'ordre intérieur du RCAA; |
| 11° kugena inshingano z'abakozi ba RCAA n'uburyo bakora imirimo yabo; | 11° to determine attributions of RCAA staff members and how they perform their duties; | 11° déterminer les attributions des membres du personnel du RCAA et la manière dont ils s'acquittent de leurs tâches; |
| 12° gukora indi mirimo rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano za RCAA. | 12° to perform such other duties under the responsibilities of RCAA as may be assigned by the Board of Directors. | 12° exécuter toute autre tâche relevant des attributions du RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

Ingingo ya 24: Ibitabangikanywa no kuba Umuyobozi Mukuru cyangwa Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RCAA

Umuyobozi Mukuru cyangwa Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RCAA ntagomba:

Article 24: Incompatibilities with the position of the Director General or the Deputy Director General of RCAA

The Director General or the Deputy Director General of RCAA must not:

Article 24: Incompatibilités avec la fonction de Directeur Général ou de Directeur Général Adjoint du RCAA

Le Directeur Général ou le Directeur Général Adjoint du RCAA ne doit pas:

- | | | |
|--|---|--|
| 1° kugira akandi kazi gahemberwa akora; | 1° hold any other remunerated job; | 1° occuper toute autre fonction pour laquelle il est rémunéré; |
| 2° gushora imari cyangwa kugira amasezerano ku buryo ubwo aribwo bwose bwabangamira akazi akora; | 2° invest or enter into contracts that may in any way jeopardize his or her office; | 2° faire des investissements ou conclure des contrats pouvant d'une quelconque manière compromettre sa fonction; |
| 3° gupiganira amasoko ya Leta haba ku giti cye ibigo cyangwa amasosiyete afitemo imigabane. | 3° bid, either individually or through companies in which he or she holds shares, for public contracts. | 3° soumissionner, individuellement ou par le biais des sociétés dont il est actionnaires, aux marchés publics. |

Ingingo ya 25: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru wa RCAA

Umuyobozi Mukuru wa RCAA afite ububasha n'inshingano byo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya RCAA akurikije amategeko abigenga.

Umuyobozi Mukuru wa RCAA ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° kuyobora no guhuza imirimo n'ibikorwa bya buri muni bya RCAA hakurikijwe amategeko n'amabwiriza abigenga;
- 2° guhagararira RCAA imbere y'amategeko;
- 3° kuba umuvugizi wa RCAA;
- 4° guca ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi;
- 5° gutegura gahunda na raporo y'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Umuyobozi ya RCAA;

Article 25: Powers and responsibilities of the Director General of RCAA

The Director General of RCAA has the power to make decisions on the management of human resources and property of RCAA in accordance with relevant laws.

The Director General of RCAA has the following responsibilities:

- 1° to head and coordinate daily duties and activities of RCAA in accordance with relevant laws and regulations;
- 2° to serve as the legal representative of RCAA;
- 3° to serve as the spokesperson of RCAA;
- 4° to impose administrative fine;
- 5° to draft the action plan and activity report to be approved by the Board of Directors of RCAA;

Article 25: Pouvoirs et attributions du Directeur Général du RCAA

Le Directeur Général du RCAA dispose du pouvoir de décisions dans la gestion des ressources humaines et du patrimoine du RCAA conformément aux lois en la matière.

Le Directeur Général du RCAA a les attributions suivantes:

- 1° diriger et coordonner les tâches et les activités quotidiennes du RCAA conformément aux lois et règlements en la matière;
- 2° être le représentant légal du RCAA;
- 3° servir de porte-parole du RCAA;
- 4° imposer une amende administrative;
- 5° élaborer le plan et le rapport d'activités devant être approuvés par le Conseil d'Administration du RCAA;

- | | | |
|---|---|--|
| 6° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RCAA yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA; | 6° to prepare draft rules of procedure of RCAA to be approved by the Board of Directors of RCAA; | 6° élaborer un projet du règlement d'ordre intérieur du RCAA devant être approuvé par le Conseil d'Administration du RCAA; |
| 7° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'umwaka ya RCAA; | 7° to prepare the draft annual budget proposal of RCAA; | 7° préparer l'avant-projet de budget annuel du RCAA; |
| 8° gucunga ingengo y'imari ya RCAA n'ishyirwa mu bikorwa byayo; | 8° to ensure the management and execution of RCAA budget; | 8° assurer la gestion et l'exécution du budget du RCAA; |
| 9° gutumira no kuyobora inama za RCAA; | 9° to convene and chair the meetings of RCAA; | 9° convoquer et présider les réunions du RCAA; |
| 10° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano za RCAA. | 10° to perform such other duties under the responsibilities of RCAA as may be assigned by the Board of Directors. | 10° effectuer toute autre tâche relevant des attributions du RCAA que le Conseil d'Administration peut lui confier. |

Ingingo ya 26: Sitati igenga Abakozi ba RCAA

Sitati igenga Abakozi ba RCAA itegurwa n'Urwego Nshingwabikorwa ikemezwa n'Inama y'Ubuyobozi.

Ingingo ya 27: Imbonerahamwe n'imiterere y'imyanya y'imirimo

Imbonerahamwe n'imiterere y'imyanya y'imirimo bya RCAA bitegurwa n'Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA bikemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA.

Article 26: Statute governing staff members of RCAA

The statute governing staff members of RCAA is prepared by the Executive Organ and approved by the Board of Directors.

Article 27: Organisational structure and organization chart

The organisational structure and organization chart of RCAA are prepared by the Executive Organ or RCAA and approved by the Board of Directors of RCAA.

Article 26: Statut régissant les membres du personnel du RCAA

Le statut régissant les membres du personnel du RCAA est élaboré par l'Organe Exécutif et approuvé par le Conseil d'Administration.

Article 27: Cadre organique et organigramme

Le cadre organique et organigramme du RCAA sont élaborés par l'Organe Exécutif du RCAA et approuvés par le Conseil d'Administration du RCAA.

Ingingo ya 28: Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije ba RCAA

Ibigenerwa Umuyobozi Mukuru n'Umuyobozi Mukuru Wungirije bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 29: Imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba RCAA

Imishahara n'ibindi bigenerwa abandi bakozi ba RCAA bitegurwa n'Urwego Nshingwabikorwa rwa RCAA bikemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA.

Ingingo ya 30: Imikorere n'imikoranire y'inzego za RCAA

Amategeko ngengamikorere ya RCAA ateganya uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego za RCAA.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 31: Umutungo wa RCAA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RCAA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RCAA ukomoka kuri ibi bikurikira:

Article 28: Fringe benefits for the Director General and Deputy Director General of RCAA

A Presidential Order determines fringe benefits for the Director General and Deputy Director General.

Article 29: Salaries and fringe benefits for other staff members of RCAA

Salaries and fringe benefits for other staff members of RCAA are proposed by the Executive Organ of RCAA and approved by the Board of Directors of RCAA.

Article 30: Functioning and relationships between the organs of RCAA

The rules of procedure of RCAA determine the functioning and relationships between the organs of RCAA.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 31: Property of RCAA and its source

The property of RCAA is composed of movable and immovable assets.

The property of RCAA is derived from the following sources:

Article 28: Appointements accordés au Directeur Général et au Directeur Général Adjoint du RCAA

Un Arrêté Présidentiel détermine les appointements accordés au Directeur Général et au Directeur Général Adjoint.

Article 29: Salaires et autres avantages accordés aux autres membres du personnel du RCAA

Les salaires et autres avantages accordés aux autres membres du personnel du RCAA sont proposés par l'Organe Exécutif du RCAA et approuvés par le Conseil d'Administration du RCAA.

Article 30: Fonctionnement et relations des organes du RCAA

Le règlement d'ordre intérieur du RCAA détermine le fonctionnement et les relations des organes du RCAA.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 31: Patrimoine du RCAA et sa source

Le patrimoine du RCAA comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du RCAA provient des sources suivantes:

- | | | |
|---|---|---|
| 1° amafaranga akomoka kw'itangwa ry'impushya, ku masezerano, ku bahawe ibyemezo, ku nzego n'abantu ku giti cyabo bakora ibijyanye n'iby'indege za gisiviri; | 1° fees levied for authorisation, permit and licence issuance, fees arising from contracts, fees collected from individual and moral persons operating in civil aviation; | 1° frais relatifs à l'octroi de permis, autorisations et licences, frais provenant des contrats, frais perçus auprès des personnes physiques et morales opérant dans le domaine de l'aviation civile; |
| 2° inkunga ya Leta cyangwa iy'abafatanyabikorwa mu iterambere; | 2° State or development partners' subsidies; | 2° les subventions de l'État ou des partenaires au développement; |
| 3° inyungu zikomoka ku mutungo wayo; | 3° interests from its property; | 3° les intérêts de son patrimoine; |
| 4° amahazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi; | 4° administrative fines; | 4° amendes administratives; |
| 5° amafaranga aturuka ku bugenzuzi; | 5° oversight fees; | 5° frais de contrôle; |
| 6° inguzanyo zihabwa RCAA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze; | 6° loans granted to RCAA as approved by the Minister in charge of finance; | 6° les prêts accordés au RCAA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; |
| 7° ibindi bikomoka ku mirimo ikora; | 7° other income from services rendered; | 7° autres revenus des services prestés; |
| 8° impano n'indagano. | 8° donations and bequests. | 8° les dons et legs. |

Ingingo ya 32: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Imari n'umutungo bya RCAA bikoreshwa kandi bigacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bw'imari n'umutungo bya RCAA bukorwa n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa

Article 32: Use, management and audit of property

The finance and property of RCAA are used and managed in accordance with relevant laws.

The Auditor General of State Finances carries out the audit of finance and property of RCAA in accordance with relevant laws.

The internal audit service of RCAA submits its report to the Board of Directors of RCAA with

Article 32: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

Les finances et le patrimoine du RCAA sont utilisés et gérés conformément aux lois en la matière.

L'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État effectue l'audit des finances et patrimoine du RCAA conformément aux lois en la matière.

Le service d'audit interne du RCAA transmet son rapport au Conseil d'Administration du

RCAA bukorera raporo Inama y'Ubuyobozi ya RCAA bugaha kopi Umuyobozi Mukuru wa RCAA.

a copy to the director general of RCAA.

RCAA avec copie au Directeur Général du RCAA.

RCAA ishobora kwitabaza abagenzuzi b'imari baturutse hanze, bisabwe Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rukabyemera.

RCAA may use external auditors upon request to and approval by the Office of the Auditor General of State Finances.

Le RCAA peut, sur demande adressée à l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État et acceptée par celui-ci, faire recours aux auditeurs externes.

Ingingo ya 33: Iyemeza n'imicungire by'ingingo y'imari

Article 33: Approval and management of the budget of RCAA

Article 33: Adoption et gestion du budget du RCAA

Ingingo y'imari ya RCAA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The budget of RCAA is approved and managed in accordance with relevant laws.

Le budget du RCAA est adopté et géré conformément aux lois en la matière.

Ingingo ya 34: Raporo y'umwaka y'ibaruramari

Article 34: Annual financial statements

Article 34: Rapport annuel des états financiers

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru wa RCAA ashidikiriza urwego rureberera RCAA raporo y'umwaka w'ibaruramari n'iteganyabikorwa ry'umwaka ukurikira imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya RCAA hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Within three (3) months following the closure of the financial year, the Director General of RCAA submits to the supervising authority of RCAA the annual financial statements and the action plan for the following year after its approval by the Board of Directors of RCAA in accordance with laws governing the management of State finance and property.

Dans un délai de trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le Directeur Général du RCAA transmet à l'organe de tutelle du RCAA le rapport annuel des états financiers et le plan d'action pour l'année suivante après son approbation par le Conseil d'Administration du RCAA conformément aux lois régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'État.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 35: Ibyakozwe mbere y'uko iri tegeko ritangazwa

Article 35: Acts performed before publication of this Law

Article 35: Actes posés avant la publication de la présente loi

Ibyakozwe na RCAA yashyizweho n'Itegeko n° 03/2017 ryo ku wa 21/02/2017 rishyiraho

Acts undertaken by RCAA as established by Law n° 03/2017 of 21/02/2017 establishing

Les actes posés par le RCAA créé par la Loi n° 03/2017 du 21/02/2017 portant création de

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, bigumana agaciro kabyo.

Ingingo ya 36: Igihe cy'inzibacyuho

Mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye ku muni iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, RCAA ishyizweho n'iri tegeko igomba kuba yamaze guhuza ibikorwa byayo n'iri tegeko.

Ingingo ya 37: Kwegurirwa Abakozi

Abakozi bari aba RCAA yashyizweho n'Itegeko n° 03/2017 ryo ku wa 21/02/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo bakomeza kuba aba RCAA ishyizweho n'iri tegeko.

Ingingo ya 38: Kwegurirwa umutungo, amasezerano n'imyenda

Amasezerano, imitungo yimukanwa n'itimukanwa n'imyenda byari ibya RCAA yashyizweho n'Itegeko n° 03/2017 ryo ku wa 21/02/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo byeguriwe RCAA ishyizweho n'iri tegeko.

Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning remain valid.

Article 36: Transitional period

Within six (6) months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, RCAA established by this law must harmonise its activities with this law.

Article 37: Transfer of staff members

Staff members of RCAA as established by Law n° 03/2017 of 21/02/2017 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning, remain under the authority of RCAA as established by this Law.

Article 38: Transfer of property, contracts and liabilities

Contracts, movable and immovable assets as well as liabilities of RCAA established by Law n° 03/2017 of 21/02/2017 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning are transferred to RCAA as established by this Law.

l'Office Rwandais de l'aviation civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement restent valables.

Article 36: Période transitoire

Dans un délai de six (6) mois à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, le RCAA créé par la présente loi doit conformer ses activités à la présente loi.

Article 37: Transfert du personnel

Le personnel du RCAA créé par la Loi n° 03/2017 du 21/02/2017 portant création de l'Office Rwandais de l'aviation civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement reste sous l'autorité du RCAA créé par la présente loi.

Article 38: Transfert du patrimoine, des contrats et du passif

Les contrats, les biens meubles et immeubles ainsi que le passif du RCAA créé par la Loi n° 03/2017 du 21/02/2017 portant création de l'Office Rwandais de l'aviation civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement sont transférés au RCAA créé par la présente loi.

Ingingo ya 39: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 03/2017 ryo ku wa 21/02/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisiviri (RCAA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo n'izindi ngingo z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi binyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 41: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika'y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 13/04/2019

Article 39: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.

Article 40: Repealing provision

Law n° 03/2017 of 21/02/2017 establishing Rwanda Civil Aviation Authority (RCAA) and determining its mission, organisation and functioning as well as all other prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 41: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 13/04/2019

Article 39: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

Article 40: Disposition abrogatoire

La Loi n° 03/2017 du 21/02/2017 portant création de l'Office Rwandais de l'aviation civile (RCAA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 41: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 13/04/2019

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Prime Minister

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux